# ITEGANYAGIHE N°68 RY'IMVURA Y'UMUHINDO (NZERI-UKWAKIRA-UGUSHYINGO-UKUBOZA) 2024

Ikigo cy'u Rwanda Gishinzwe Ubumenyi bw'Ikirere (METEO RWANDA) kinejejwe no gutangariza abaturarwanda bose ko muri rusange imvura iteganyijwe mu Muhindo wa 2024, iri ku mu kigero cy'impuzandengo nibura y'imyaka 30 y'imvura igwa mu muhindo.

Imvura iteganyijwe izaterwa n'uko ubushyuhe bw'amazi y'inyanja cyane cyane iya Pasifika n'iy'Ubuhinde bugabanuka bujya ku kigero gisanzwe, ugereranyije n'igipimo cyo hejuru bwariho kuva mu gihe cy'Umuhindo w'umwaka wa 2023. Muri rusange, iyo igipimo cy'ubushyuhe bw'amazi y'inyanja kiri hasi (La Nina) cyangwa kiri hejuru (El Nino) bituma ubuhehere bw'umwuka mu kirere cy'Afurika y'Iburasirazuba ndetse n'icy'u Rwanda bushobora kugabanuka cyangwa bukiyongera cyane. Bityo bigatuma imvura isanzwe igwa igabanuka cyangwa ikiyongera bikabije. Mu gihe rero icyo gipimo cy'ubushyuhe kiri ku kigero gisanzwe, imvura igwa ku gipimo kigereranyije, ari na ko biteganyijwe muri uyu Muhindo. Tugereranyije mu myaka ya vuba, imvura iteganyijwe mu Muhindo wa 2024 ijya gusa n'iyaguye mu Muhindo wa 2020.


## INGANO Y'IMVURA ITEGANYIJWE

Imvura iteganyijwe mu gihe cy'Umuhindo wa 2024 hagendewe ku miterere ya buri hantu:

- **Imvura iri hagati ya milimetero 300 na 400:** Iteganyijwe mu Ntara y'Iburasirazuba (Nyagatare, Gatsibo, Kayonza, Ngoma, Kirehe, Bugesera na Rwamagana), Umujyi wa Kigali (Gasabo, Kicukiro na Nyarugenge), no mu gice cy' Amayaga kiri mu Turere twa Kamonyi, Ruhango, Nyanza na Gisagara two mu Ntara y'Amajyepfo.
- **Imvura iri hagati ya milimetero 400 na 500:** Iteganyijwe mu Turere twa Gicumbi, Rulindo na Huye, igice cy'uburasirazuba bw'Uturere twa Burera, Gakenke, Karongi na Nyamagabe. Iteganyijwe ahasigaye mu Turere twa Kamonyi, Ruhango, Nyanza, na Gisagara no mu Majyepfo y'Uturere twa Ngororero na Muhanga.
- **Imvura iri hagati ya milimetero 500 na 600:** Iteganyijwe mu Turere twa Musanze, Nyabihu, Rubavu na Rutsiro, mu burengerazuba bw'Uturere twa Burera, Gakenke na Karongi, mu burasirazuba bw'Akarere ka Nyaruguru, mu gice cyo hagati cyo mu Karere ka Nyamagabe no mu kibaya cya Bugarama.
- **Imvura iri hagati ya milimetero 600 na 700:** Iteganyijwe mu Turere twa Rusizi (ukuyemo mu kibaya cya Bugarama) na Nyamasheke, mu bice byegereye Pariki y'Igihugu ya Nyungwe by'Akarere ka Karongi,

Nyamagabe na Nyaruguru. Iteganyijwe kandi muri Pariki y'Ibirunga mu Karere ka Musanze, Nyabihu na Rubavu.

## IKARITA YEREKANA ITEGANYAGIHE RY'IMVURA Y'UMUHINDO WA 2024





## ITANGIRA RY'IMVURA Y'UMUHINDO 2024 N'IGIHE IZACIKIRA


Biteganyijwe ko imvura y'Umuhindo izatangira kugwa mu buryo bukurikira :

- **Hagati ya 01 na 10 Nzeri 2024** : mu Ntara y'Iburengerazuba, mu Turere twa Musanze, Burera, Gakenke na Muhanga, ndetse n'igice cy'uburengerazuba cy'Akarere ka Nyagatare, mu majyaruguru y'Uturere twa Gicumbi na Rulindo no mu burengerazuba bw'Akarere ka Nyamagabe.
- **Hagati ya 11 na 20 Nzeri 2024** : Mu ntara y'Amajyepfo (ukuyemo Akarere ka Muhanga n'igice cya Nyamagabe cyavuzwe haruguru), Umujyi wa Kigali, mu Turere twa Bugesera, Rwamagana na Gatsibo, mu majyepfo y'Uturere twa Rulindo, Gicumbi na Nyagatare n'igice kinini cya Kayonza na Ngoma.
- **Hagati ya 21 na 30 Nzeri 2024** : mu Karere ka Kirehe n'uduce tukegereye twa Ngoma na Kayonza.

Imvura iteganyijwe gucika ku matariki akurikira:

- **Hagati ya 11 na 20 Ukuboza 2024** : mu Ntara y'Iburasirazuba, Umujyi wa Kigali, mu Ntara y'Amajyepfo mu Turere twa Kamonyi, Ruhango na Nyanza, mu majyepfo y'Akarere ka Muhanga no mu majyaruguru y' Uturere twa Gisagara na Huye. Iteganyijwe kandi gucika mu Ntara y'Amajyaruguru mu Karere Gicumbi.
- **Hagati ya 21 na 30 Ukuboza 2024** : mu Ntara y'Uburengerazuba, mu Ntara y'Amajyaruguru mu Karere ka Musanze, Burera na Gakenke, mu Ntara y'Amajyepfo mu Turere twa Nyaruguru, Nyamagabe, amajyepfo ya Huye na Gisagara ndetse n'amajyaruguru y'Akarere ka Muhanga.





Amatariki y'icika ry'imvura y'Umuhindo 2024
N
W
E
S
Nyagatare
Burera
Musanze
Gatsibo
Rubavu
Nyabihu
Gicumbi
Gakenke
Rulindo
Kayonza
Ngororero
Gasabo
Rutsiro
Nyarugenge
Rwamagana
Kicukiro
Kamonyi
Muhanga
Kivu
Karongi
Ngoma
Ruhango
Kirehe
Bugesera
Nyanza
Nyamasheke
Nyamagabe
Huye
Rusizi
Gisagara
Nyaruguru
Amatariki
11-20 Ukuboza 2024
21-30 Ukuboza 2024
0 15 30 60 90 120
Km

## IMBONERAHAMWE IGARAGAZA INGANO Y'IMVURA, ITANGIRA N'ICIKA RY'IMVURA Y'UMUHINDO WA 2024

| INTARA | AKARERE | IMVURA ITEGANYIJWE (mm) | ITANGIRA RY'IMVURA | ICIKA RY'IMVURA |
|---|---|---|---|---|
| **Umujyi wa Kigali** | Nyarugenge | 300-400 | 11-20 Nzeri | 11-20 Ukuboza |
| | Gasabo | 300-400 | 11-20 Nzeri | 11-20 Ukuboza |
| | Kicukiro | 300-400 | 11-20 Nzeri | 11-20 Ukuboza |
| **Amajyaruguru** | Mu burasirazuba bwa Musanze | 500-600 | 1-10 Nzeri | 21-30 Ukuboza |
| | Mu burebgerazuba bwa Musanze | 600-700 | 1-10 Nzeri | 21-30 Ukuboza |
| | Mu majyaruguru ya Gicumbi | 400-500 | 1-10 Nzeri | 11-20 Ukuboza |
| | Mu majyepfo ya Gicumbi | 300-400 | 11-20 Nzeri | 11-20 Ukuboza |
| | Mu majyaruguru ya Rulindo | 400-500 | 1-10 Nzeri | 11-20 Ukuboza |
| | Mu majyepfo ya Rulindo | 400-500 | 11-20 Nzeri | 11-20 Ukuboza |
| | Mu burasirazuba bwa Burera | 400-500 | 1-10 Nzeri | 11-20 Ukuboza |
| | Mu burengerazuba Burera | 500-600 | 1-10 Nzeri | 21-30 Ukuboza |
| | Mu burasirazuba bwa Gakenke | 400-500 | 1-10 Nzeri | 11-20 Ukuboza |
| | Mu burengerazuba bwa Gakenke | 500-600 | 1-10 Nzeri | 21-30 Ukuboza |
| **Amajyepfo** | Igice kiri mu Mayaga cya Kamonyi | 300-400 | 11-20 Nzeri | 11-20 Ukuboza |
| | Ahandi hasigaye muri Kamonyi | 400-500 | 11-20 Nzeri | 11-20 Ukuboza |
| | Mu majyepfo ya Muhanga | 400-500 | 1-10 Nzeri | 11-20 Ukuboza |
| | Mu majyaruguru ya Muhanga | 500-600 | 1-10 Nzeri | 21-30 Ukuboza |
| | Igice kiri mu Mayaga cya Ruhango | 300-400 | 11-20 Nzeri | 11-20 Ukuboza |
| | Ahandi hasigaye muri Ruhango | 400-500 | 11-20 Nzeri | 11-20 Ukuboza |
| | Igice kiri mu Mayaga cya Nyanza | 300-400 | 11-20 Nzeri | 11-20 Ukuboza |



METEO RWANDA(Director General)

| INTARA | AKARERE | IMVURA ITEGANYIJWE (mm) | ITANGIRA RY'IMVURA | ICIKA RY'IMVURA |
|---|---|---|---|---|
| | Ahandi hasigaye muri Nyanza | 400-500 | 11-20 Nzeri | 11-20 Ukuboza |
| | Amajyaruguru ya Huye | 400-500 | 11-20 Nzeri | 11-20 Ukuboza |
| | Amajyaruguru ya Huye | 400-500 | 11-20 Nzeri | 21-30 Ukuboza |
| | Igice kiri mu Mayaga cya Gisagara | 300-400 | 11-20 Nzeri | 11-20 Ukuboza |
| | Ahandi hasigaye muri muri Gisagara | 400-500 | 11-20 Nzeri | 21-30 Ukuboza |
| | Mu burasirazuba bwa Nyamagabe | 500-600 | 11-20 Nzeri | 21-30 Ukuboza |
| | Mu burengerazuba bwa Nyamagabe | 600-700 | 1-10 Nzeri | 21-30 Ukuboza |
| | Mu burasirazuba bwa Nyaruguru | 500-600 | 11-20 Nzeri | 21-30 Ukuboza |
| | Mu burengerazuba bwa Nyaruguru | 600-700 | 11-20 Nzeri | 21-30 Ukuboza |
| **Iburasirazuba** | Bugesera | 300-400 | 11-20 Nzeri | 11-20 Ukuboza |
| | Rwamagana | 300-400 | 11-20 Nzeri | 11-20 Ukuboza |
| | Igice kinini cya Kayonza | 300-400 | 11-20 Nzeri | 11-20 Ukuboza |
| | Igice gisigaye cya Kayonza | 300-400 | 21-30 Nzeri | 11-20 Ukuboza |
| | Igice kinini cya Ngoma | 300-400 | 11-20 Nzeri | 11-20 Ukuboza |
| | Igice gisigaye cya Ngoma | 300-400 | 21-30 Nzeri | 11-20 Ukuboza |
| | Kirehe | 300-400 | 21-30 Nzeri | 11-20 Ukuboza |
| | Gatsibo | 300-400 | 11-20 Nzeri | 11-20 Ukuboza |
| | Uburengerazuba bwa Nyagatare | 300-400 | 1-10 Nzeri | 11-20 Ukuboza |
| | Uburasirazuba bwa Nyagatare | 300-400 | 11-20 Nzeri | 11-20 Ukuboza |
| | Nyabihu | 500-600 | 1-10 Nzeri | 21-30 Ukuboza |
| | Rubavu | 500-600 | 1-10 Nzeri | 21-30 Ukuboza |
| | Rutsiro | 500-600 | 1-10 Nzeri | 21-30 Ukuboza |

| INTARA | AKARERE | IMVURA ITEGANYIJWE (mm) | ITANGIRA RY'IMVURA | ICIKA RY'IMVURA |
|---|---|---|---|---|
| **Iburengerazuba** | | | | |
| | Mu burasirazuba bwa Karongi | 400-500 | 1-10 Nzeri | 21-30 Ukuboza |
| | Mu burengerazuba bwa Karongi | 500-600 | 1-10 Nzeri | 21-30 Ukuboza |
| | Amajyaruguru ya Ngororero | 500-600 | 1-10 Nzeri | 21-30 Ukuboza |
| | Amajyepfo ya Ngororero | 400-500 | 1-10 Nzeri | 21-30 Ukuboza |
| | Nyamasheke | 600 – 700 | 1-10 Nzeri | 21-30 Ukuboza |
| | Rusizi | 600 – 700 | 1-10 Nzeri | 21-30 Ukuboza |

**IBYITEZWE KU MVURA ITEGANYIJWE MU MUHINDO WA 2024 N'INAMA**

Ikigo cy'u Rwanda gishinzwe Ubumenyi bw'Ikirere (METEO RWANDA) ku bufatanye na Minisiteri y'Ibidukikije, Minisiteri ishinzwe Ibikorwa by'Ubutabazi (MINEMA), Ikigo cy'u Rwanda gishinzwe Iterambere ry'Ubuhinzi n'Ubworozi (RAB) barasaba inzego zose za Leta, imiryango idaharanira inyungu, imishinga itandukanye ikorera mu Rwanda, ibigo by'abikorera ku giti cyabo ndetse n'Abaturarwanda bose muri rusange ko bakwiriye gushingira kuri iri teganyagihe bagafata ingamba zijyanye no gukumira ingaruka zituruka ku mihindagurikire y'ikirere zirimo: kwirinda gukubitwa n'inkuba, kwirinda ingaruka ziterwa n'umuyaga mwinshi, kwirinda ingaruka ziterwa n'amahindu. Izi ngaruka zizaba ziganje cyane mu itangira ry'imvura y'Umuhindo. Iminsi yikurikiranya nta mvura nayo iteganyijwe ahakunze kugira amapfa, kimwe n'imvura nyinshi yongera umuvuduko w'amazi ahantu hahanamye, isuri ndetse n'imyuzure.

Abakeneye ibindi bisobanuro birambuye kuri iri teganyagihe n'uburyo ryakoreshwa barasabwa kwegera Ikigo cy'u Rwanda gishinzwe Ubumenyi bw'Ikirere (METEO RWANDA) hakoreshwa imbuga nkoranyamabanga zitandukanye cyangwa bagahamagara kuri nimero itishyurwa 6080. Iri teganyagihe rikomeza gukoreshwa ryunganirwa n'irindi risanzwe mu gihe cy'Ukwezi, Iminsi icumi (10), iminsi irindwi (7), iminsi itanu (5), iminsi itatu (3), iteganyagihe ritangwa buri munsi ndetse n'iteganyagihe riburira.

Bikorewe i Kigali, kuwa 23/08/2024.

METEO RWANDA(Director General)

**GAHIGI Aimable**
**Umuyobozi Mukuru**